

# ITANGAZO RIMENYESHA ABANTU IBYO KUDAKORERWA IVANGURA N'IBISABWA KUGIRA NGO BAHABWE SERIVISI

Mary Free Bed<sup>®</sup>  
Rehabilitation

Ibitaro bya Mary Free Bed Rehabilitation byubahiriza amategeko y'Ighugu agenga uburenganzira bw'ikiremwamuntu kandi ntibigira ivangura rishingiye ku bwoko, ibara ry'uruuhu, ubwenegihugu, imyaka, ubumuga, cyangwa igitsina (harimo no gutwita, imyumvire ku bijyanye n'imibonano mpuzabitsina, n'imiterere y'igitsina).

Ibitaro bya Mary Free Bed Rehabilitation ntibiheza abantu cyangwa ngo ibafate mu buryo butandukanye bitewe n'ubwoko, ibara ry'uruuhu, ighugu cy'inkomoko, imyaka, ubumuga, cyangwa igitsina (harimo no gutwita, imyumvire ku bijyanye n'imibonano mpuzabitsina, n'imiterere y'igitsina).

## IBITARO BYA MARY FREE BED REHABILITATION:

- Bitanga ubufasha na serivisi ku buntu ku bantu bafite ubumuga kugira ngo bashyikirane natwe neza, nk'ibi bikurikira:
  - Abasemuzi b'ururimi rw'amarenga babifitiye impamyabumenyi
  - Amakuru yanditswe mu yindi miterere (inyandiko nini, amajwi, uburyo bwa elegitoroniki bworoshye kubugeraho, ubundi buryo)
- Bitanga serivisi z'indimi ku buntu ku bantu bavuga ururimi rw'ibanze rutari Icyongereza, nka:
  - Abasemuzi babifitiye impamyabumenyi
  - Amakuru yanditse mu zindi ndimi
- Niba ukeneye izo serivisi, duhamagare kuri **1.800.528.8989** (TTY:711)



IRI TANGAZO RISHOBORA KUBONEKA MU  
NDIMI NYINSHI KU RUBUGA RWA MARY  
FREE BED.

Niba utekereza ko Ibitaro bya Mary Free Bed Rehabilitation byananiwe gutanga izi serivisi cyangwa ko wakorewe ivangura rishingiye ku bwoko, ibara ry'uruuhu, ighugu ukomokamo, imyaka, ubumuga cyangwa igitsina (harimo no gutwita, imyumvire ku bijyanye n'imibonano mpuzabitsina, n'imiterere y'igitsina), ushobora gutanga ikirego kuri:

- Umukozi Ushinzwe Kubahiriza Amategeko/Umuuzabikorwa Ushinzwe Uburenganzira bwa Muntu,
- 235 Wealthy SE, Grand Rapids, MI 49503,
- Telefoni: **616.840.8706** (TTY:711)
- Fagisi: **616.840.9763**
- [compliance@maryfreebed.com](mailto:compliance@maryfreebed.com)

Ushobora gutanga ikirego imbonankubone cyangwa ukoresheje iposita, fagisi cyangwa imeli. Niba ukeneye ubufasha mu gutanga ikirego, Umukozi ushinzwe kubahiriza amategeko akaba ari n'Umuhuzabikorwa wacu Ushinzwe Uburenganzira bwa Muntu, yiteguye kugufasha.

Ushobora kandi gutanga ikirego cy'uburenganzira bwa muntu kuri Minisiteri ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Ishinzwe Ubuzima na Serivisi z'Ikiremwamuntu, Ibiro by'Uburenganzira bwa Muntu, mu buryo bw'ikoranabuhanga binyuze ku Urubuga rw'Ibirego by'Ibiro by'Uburenganzira bwa Muntu, ruboneka ku [ocrportal.hhs.gov/ocr/portal/lobby.jsf](http://ocrportal.hhs.gov/ocr/portal/lobby.jsf) cyangwa ku iposita cyangwa kuri telefoni kuri:

**Minisiteri ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika  
Ishinzwe Ubuzima na Serivisi z'Ikiremwamuntu**  
200 Independence Avenue, SW  
Room 509F, HHH Building  
Washington, D.C. 20201

**1.800.368.1019, 800.537.7697** (TDD)

Amafishi y'ikirego aboneka kuri  
[hhs.gov/ocr/complaints/index.html](http://hhs.gov/ocr/complaints/index.html).